IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA IDASANZWE YO KU WA 18/06/2011.

Ku wa Gatandatu tariki ya 18/06/2011 mu cyumba cy'inama cy'Akarere "IMPARIRWAMIHIGO HALL"; Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yarateranye mu nama yayo idasanzwe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana ZINARIZIMA Diogène, amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa (nibura 2/3) w'Abajyanama biyanditse kuri lisiti y'abaje mu nama wuzuye, yatangije inama kandi arayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 25 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Inama Njyanama yitabiriwe kandi na bamwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda aribo:

- Senateri AYINKAMIYE Spéciose

- Depite NYANDWI Joseph Désiré

- Depite MUKAMURANGWA SEBERA Henriette

- Depite UWIMANA Espérance

- Depite GAHONGAYIRE Aurélie

Muri iyo nama hari hanatumiwemo Umunyamaganga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakuru b'imirimo ku Karere, abakozi bakorera ku Karere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Nyamagabe, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, , abakuriye Serivise zitandukanye zikorera mu Karere, Abayobozi b'ibigo by'amashuri Abanza n'Ayisumbuye, abikorera n'abafatanyabikorwa batandukanye bakorera mu Karere.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abari bitabiriye inama ingingo ziteganijwe ku murongo w'ibyigwa; abasaba kandi kuzemeza mbere yo kwiga ingingo ku yindi. Izo ngingo ni izi zikurikira:

1. Gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi igaragaza ibyakozwe n'uko umutungo wakoreshejwe mu mwaka urangiye wa 2010-2011.
2. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe, ibikorwa bijyanye nayo n'imihigo by'umwaka wa 2011-2012.

I. GUSUZUMA RAPORO YA KOMITE NYOBOZI IGARAGAZA IBYAKOZWE N'UKO UMUTUNGO WAKORESHEJWE MU MWAKA URANGIYE WA 2010-2011.

Inama Njyanama imaze gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi igaragaza ibyakozwe n'uko umutungo winjiye wakoreshejwe mu mwaka urangiye wa 2010-2011 yasanze ibyari biteganijwe byarakozwe ku buryo bushimishije.

Ingengo y'imari y'umwaka wa 2010-2011 yateganyaga kwinjiza Miliyari cumi n'imwe na Miliyoni mirongo ine n'Ibihumbi magana cyenda na makumyabiri na bitanu na Magana atandatu na mirongo ine na rimwe y'amafaranga y'u Rwanda (**11040925641 frw**). Amafaranga yashoboye kwinjira akananyura kuri compte y'Akarere mu mwaka wa 2010-2011 angana na Miliyari icyenda na Miliyoni magana inani na mirongo irindwi n'imwe n'Ibihumbi magana rindwi na mirongo itandatu n'icyenda na Magana inani na mirongo itanu n'arindwi y'amafaranga y'u Rwanda (**9871769857 frw**). Amafaranga yakoreshejwe kuva tariki ya 1/07/2010 kugera ku itariki ya 16/06/2011 angana na Miliyari zirindwi na Miliyoni magana ane n'eshanu n'Ibihumbi magana abiri na birindwi na Magana ane na mirongo itandatu n'atanu (**7405207465 frw**) bihwanye na 75% by'amafaranga yinjiye mu mwaka wa 2010-2011.

Kuri iyi ngingo kandi Komite Nyobozi yagaragarije abagize Inama Njyanama ko hari imirimo itandukanye yakozwe itarishyurwa; fagitire zijyanye n'iyo mirimo zakiriwe zitarishyurwa zikaba zifite agaciro ka Miliyoni magana atanu na mirongo Icyenda n'eshatu n'Ibihumbi magana abiri na mirongo ine na bine na Magana atatu na mirongo itatu n'atanu y'amafaranga y'u Rwanda (**593 244 335 frw**) bihwanye na 6% by'amafaranga yinjiye mu mwaka wa 2010-2011.

Ayo mafaranga y'imirimo yarangiye atarishyurwa iyo uyateranije n'amafaranga yakoreshejwe kugera tariki ya 16/06/2011 usanga ingengo y'imari yarakoreshejwe ku kigereranyo cya 81% by'amafaranga yinjiye mu mwaka wa 2010-2011.

Komite Nyobozi yagejeje kandi ku bagize Inama Njyanama inzitizi bahuye na zo ari zo z'izi zikurikira:

- Amafaranga y'imishinga itandukanye yari yarashyizwe mu ngengo y'imari nyuma bikaza kugaragara ko abaterankunga batayanyujije kuri compte y'Akarere.
- Abaterankunga batandukanye batatangiye ku gihe amafaranga bemeye .
- Connection ya internet idahagije kandi ari yo ikoreshwa mu kwishyura.
- Imishinga y'abaterankunga itaratangiriye igihe.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri izo nzitizi zitandukanye, ku bwumvikane busesuye, abagize Inama Njyanama bemeje ko Komite Nyobozi igomba kwita kuri ibi bikurikira:

- Kunoza igenamigambi kandi n'urwego rwa JADF rukarushaho kunoza imikorere yarwo.
- Kongera capacite ya internet hihutishwa cyane cyane connection ya fibre optique

- Gusuzuma ku buryo buhoraho aho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari rigeze.

II. GUSUZUMA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA NYAMAGABE, IBIKORWA BIJYANYE NAYO N'IMIHIGO BYO MU MWAKA WA 2011-2012.

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo ku ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe , ibikorwa bijyanye nayo ndetse n'imihigo byo mu mwaka wa 2011-2012 nk'uko byagaragajwe na Komite Nyobozi, yasanze byarateguwe hitawe ku ngamba z'iterambere ry'ubukungu no kurwanya ubukene (EDPRS), ku cyerekezo 2020, kuri gahunda y'iterambere ry'Akarere ndetse no ku nkingi enye za Guverinoma maze irabyishimira ndetse inemeza mu ruhame ku bwumvikane busesuye ingengo y'imari y'Akarere, ibikorwa bijyanye nayo n'imihigo by'umwaka wa 2011-2012. Ingengo y'imari yemejwe ingana na Miliyari zirindwi na Miliyoni Magana inani na mirongo inani n'icyenda n'Ibihumbi magana atandatu na mirongo itatu na birindwi na Magana atandatu na mirongo ine n'icyenda y'amafaranga y'u Rwanda (**7889 637649 frw).**

Muri iyi ngengo y'imari uruhare rw' imihigo rufite agaciro ka Miliyari eshatu na Miliyoni Magana ane n'eshanu n'Ibihumbi Magana ane na makumyabiri na bine na Magana cyenda na mirongo itanu n'umunani y'amafaranga y'u Rwanda (**3405424958 frw**) bihwanye na 43% by'ingengo y'imari yose.

Ku mugereka w'ibi byemezo, murahasanga icyemezo cy'Inama Njyanama N0 2 cyo ku wa 18/06/2011 gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2011-2012 n'inyandiko zigaragaza ku buryo burambuye aho amafaranga azinjizwa azaturuka (District resources) n'ibyo azakoreshwamo (District detailed expenditure) ndetse n'imihigo y'umwaka wa 2011-2012.

Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa 11h 45 iyisoza saa 16h15.

Umwanditsi w'inama

AYINKAMIYE Donatille

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'inama

ZINARIZIMA Diogène

Umuyobozi w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe